# Ibitaro bya Kabgayi bimaze iminsi 8 bigwatiriye umurambo w'ababuze ubwishyu

Yanditswe na Muhizi Elisée

http://imvahonshya.co.rw

**Nyiraminani Violette, ukomoka mu mudugudu wa Songa, akagari ka Mbare mu murenge wa Shyogwe, arashinja umuyobozi ushinzwe ubutegetsi n'imari mu bitaro bya Kabgayi kwanga gutanga umurambo w'umugabo we, Munyaneza Samuel, yitwaza ko bafitiye ibitaro umwenda.**

Uyu mugore uri mu gahinda gakomeye, yabwiye mvaho Nshya ko umugabo we yari amaze igihe gito arwaye, bamujyanye mu bitaro by'i Kabgayi baramuvuza ariko biranga kugeza ubwo yitabiye Imana ku wa 31 Kanama 2016.

Nyiraminani avuga kandi ko yagiye kubarisha amafaranga yose babereyemo ibitaro bakamubwira ko ari ibihumbi birenga 158 by'amafaranga y'u Rwanda , akemeza ko ari menshi ugereranyije n'amikoro ndetse n'icyiciro cy'ubudehe umuryango wabo urimo.



***Umurambo wa Munyaneza Samuel wari umaze iminsi umunani mu buruhukiro bw'ibitaro bya Kabgayi***

Uyu mubyeyi akomeza avuga ko bababwiye ko bareba Umuyobozi ushinzwe Ubutegetsi n'imari kugira ngo bavugane kuri iki kibazo, bahagera akababwira ko **nta murambo abaha batabanje kwishyura amafaranga yose babereyemo ibitaro**.

Yagize ati "Nta mitiweli twari twabona kuko twashakaga guhinduza icyiciro badushyizemo tukava mu cya kabiri tugashyirwa mu cya mbere kuko ari cyo twahozemo kuva kera.»

Nyiraminani yongeyeho ko bakiri muri iyi gahunda yo gushaka uko bahindurirwa icyiciro aribwo umugabo we yafashwe n'indwara kandi ko batari kubona mafaranga angana gutyo kubera ubukene bafite, byabaye ngombwa ko bishyura gusa **ibihumbi icumi** maze uyu muyobozi **arayanga abima n'umurambo**.

Umuyobozi w'ibitaro by'i Kabgayi, Kajibwami Espoir avuga ko atigeze amenyeshwa iki kibazo kuva cyaba ariko aho abimenyeye ngo yahamagaye umuryango kuza gutwara umurambo w'umuntu wabo kugira ngo ushyingurwe ibindi bijyanye n'amafaranga y'ibitaro bikazavugwa nyuma y'uyu muhango.

Kajibwami yabwiye Imvaho ko nta mpamvu nimwe yatuma umurambo w'umuntu waguye muri ibi bitaro udashyingurwa.

Ni ubwa mbere mu bitaro by'i Kabgayi havugwa ikibazo nk'iki, uyu muyobozi ushinzwe ubutegetsi n'imari ntiyabonetse kugira ngo asobanure ibyo aba baturage bavuga, abo bakorana bavuze ko ari mu bibazo birebana n'amasomo bityo ko adashobora kuboneka.

**JK :** *Nyamara bakarengaho bakabeshya amahanga ko nta munyarwanda udafite mituweli mugihe bageze aho gufunga imirambo. Ubonye n'iyaba bishyuzaga umuntu bavuye agakira ?*